REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MATA 2018

10 Gicurasi 2018

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,7% mu kwezi gushize kwa Mata 2018 ugereranyije na Mata 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 0,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 1,7% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 7,7%.

Iyo ugereranyije Mata 2018 na Mata 2017, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,1%.

Wagereranya ukwezi kwa kane (Mata 2018) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,2%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 3,9% ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,8%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Mata 2018 ibiciro mu byaro byagabanutseho 1,3% ugereranyije na Mata 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa Gatatu (Werurwe 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -2,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,3% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 10,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2018) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) ibiciro byiyongereyeho 2,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,7%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 20,3%, ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 7,6%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Mata 2018 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 0,1% ugereranyije na Mata 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -1,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,1% mu kwezi kwa Mata 2018 ni igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,8%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2018) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) ibiciro byiyongereyeho 1,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,8%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 8,5%, ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2017 kugeza muri Mata 2018.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2017 kugeza muri Mata 2018** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | |
| | **2017** | | | | | | | | **2018** | | | | |
| | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 7,3 | 6,5 | 4,8 | 3,5 | 3,2 | 3,8 | 3,6 | 2,2 | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 15,9 | 14,5 | 11,8 | 10,5 | 9,4 | 8,9 | 6,3 | 1,0 | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 12,9 | 11,7 | 9,4 | 8,1 | 7,2 | 7,1 | 5,3 | 1,6 | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,4 | -0,2 | -0,8 | -0,1 | 0,2 | 1,1 | 1,2 | -1,2 | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,7 | -1,4 | -1,2 | 0,1 | 0,9 | 1,9 | 1,5 | -4,3 | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,6 | -1,0 | -1,0 | 0,0 | 0,6 | 1,5 | 1,4 | -3,0 | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw